



Rapor
y'Ubushakashatsi
Mpuzamahanga



music as therapy
international

Murakoze

Abafatanyabikorwa bacu bo ku isi yose, harimo namwe, muri ingenzi cyane mu guhindura icyerekezo cya *Music as Therapy International*, ari cyo cyo gufata umuzika ugahinduka umwe mu miti mu kuvura ibibazo by' abana batishoboye ndetse n'abantu bakuru ku isi. *Music as Therapy International* itanga amahugurwa n' inkunga, ariko abafatanyabikorwa bacu ni bo bagira amahirwe yo kugerwaho n' ingaruka nziza z' ubuvazi bonyuze mu muziki. Kugirango rero twongere byinshi kuri aya mahirwe, duhora dushaka gusobanukirwa uko dushoboye kose ku bikorwa byabafatanyabikorwa bacu, ku byerekeye abana / cyangwa abantu bakuru dukorana na bo, n' ingaruka babona mu masomo yabo batanga. Muri 2019/20 twatumiyе abafatanyabikorwa bacu mpuzamahanga bose batojwe na *Music as Therapy International* kugirango badufashe kurangiza ubushakashatsi bwacu batubwira ku bikorwa byabo na muzika no kudusangiza ku bunararibonye bwabo ku ngaruka nziza z' amahugurwa twagiye dutanga. Abafatanyabikorwa bacu bose barangije kugarura impapuro z' ibibazo, mwarakoze cyane!

Muri rusange abafatanyabikorwa 72 ku isi hose bakora muri 56 za centres zifasha abana mubihugu 7 bitabiriye ubwo bushakashatsi. Amakuru batugaruriye yatubereye ingirakamaro mu kuyigiraho no kuduha intumbero y' imikorere y' igithe kiri imbere. Mu gihe hari abataratugarurira impapuro z' ibibazo by' ubushakashatsi, nta gushidikanya twagize na mba ko amakuru ari muri raporo ahagarariye ubunararibonye bw' abo dukorana bose. Turizera ko mwishimiye gusoma raporo kandi twishimiye ibibazo, ibitekerezo, cyangwa inama muzatugezaho.

Incamake
y'abafatanyabikorwa
mpuzamahanga
bose



Inciamake y'abafatanyabikorwa mpuzamahanga bose

Music as Therapy International ifite abafatanyabikorwa kuva kera muri 1998, kugeza ubu muri 2021. Bensi mu aba bafatanyabikorwa ni abantu bagikoresha umuziki, kandi ugereranije, abafatanyabikorwa bacu mpuzamahanga bamaze imyaka 7 bakoresha umuziki.

Bamwe mu bafatanyabikorwa bacu baracyakoresha umuziki cyangwa abayobozi ba muzika mu buryo bumwe bakorera imyitozo yabo muri za centres batangiriyemo, abandi na bo bakorera muri za centres nshyashya bakahakorera umuziki cyangwa bagakorana n'ibyiciro by' abo bakorana bishya.

Abafatanyabikorwa bacu ku isi yose




Abafatanyabikorwa bacu, batugaruriye impapuro z'ibibazo by'ubushakashatsi bwuzuye bakorera mu isi yose, muri za centres 56.



Abantu 9,868 batishoboye bafite amahirwe yo kubona amasomo y'umuziki yatanzwe n' abafatanyabikorwa bacu bitabiriye ubushakashatsi.


Ikarita ikurikira irerekana imibare y'ubushakashatsi yakozwe muri buri gihugu.



Abantu bafite intege nke bakorana n' Abafatanyabikorwa bacu

Imbonerahamwe y'uruziga ikurikira igaragaza imyaka y' amatsinda y' abatishoboye bitabiriye amasomo y'umuziki yagiye ayoborwa n' abafatanyabikorwa bacu ku isi yose.

- Abana bato (imyaka 0-5)
- Abana (imyaka 6-12)
- Abangavu / Ingimbi (imyaka 13-19)
- Urubyiruko (imyaka 20-25)
- Abakuru (imyaka 26-65)
- Abageze mu izabukuru Abasheshe akunguhe (imyaka 66 kuzamura)




Bensi mu bafatanyabikorwa bacu ku isi yose bakoresha umuziki ku bana batishoboye hamwe na / cyangwa ku bantu bakuru bafite ubumuga mu kuvuga, ingorane zo gusesengura, ubumuga bwo kwiga, kandi bafite hyperactive.


Amasomo ya Umuziki

67% by'abafatanyabikorwa bacu bose basubije ibibazo byuzuye bakoresha buri gihe umuziki. 92% by'abafatanyabikorwa bacu ku isi beretse abo dukorana uburyo bwo gukoresha umuziki naho 83% baganirije bagenzi babo cyangwa abandi bantu ku bijyanye no gukoresha umuziki.

Igishushanyo cya Venn iburyo cyerekana ijanisha ry' abafatanyabikorwa bacu mpuzamahanga bakoresha umuziki hamwe n'abantu cyangwa / cyangwa amatsinda.



- Inshuro Zirenze Imwe Mu Cyumweru
- Rimwe Mu Cyumweru
- Rimwe Mu Kwezi



Imbonerahamwe y'uruziga ibumoso yerekana inshuro abafatanyabikorwa bacu mpuzamahanga bakoresha umuziki batanga amasomo y'umuziki.

Ingaruka nziza z'umushinga wo gutanga amahugurwa y'ibanze

Kuva imishinga yo gutanga amahugurwa y'ibanze yatangira:

99% by'abafatanyabikorwa bacu bemeza ko ibyo bize byahinduye uburyo bigisha, imikorere yabo cyangwa uko bita ku bakiriya babo.

92% by'abafatanyabikorwa bacu babonye ko ibyo bize byahinduye imyitozo yabo cyane ku masomo y'umuziki.

97% by'abafatanyabikorwa bacu bishimiye amasomo yabo ya muzika.

94% by'abafatanyabikorwa bacu bifitiye icyizere kurushaho.

90% by'abafatanyabikorwa bacu bafite inshingano nyinshi ubu.

92% by'abafatanyabikorwa bacu bitangira ako kazi kabo.

Ingaruka z'amasomo y'umuziki atangwa n'abafatanyabikorwa bacu

89% by'abafatanyabikorwa ku isi bagaragaje ko abantu batishoboye bari mu nshingano zabo hari abafashwa cyane n'amasomo y'umuziki bahabwa.

Abensi mu bafatanyabikorwa bacu bose babonye ko inyungu zo kuvura ziva mu muziki ku batishoboye mu ma centres bakorana na zo harimo: kwishima, kugira uruhare, kugaragaza amarangamutima; kwibanda ku cyo ukora no kugabanya imihangayiko.

Ubunararibonye mu gukorana na *Music as Therapy International*

86% by'abafatanyabikorwa bacu ku isi hose basanga ko byari biboroheyne kugaragaza uruhare rwabo mu mushinga wo gutanga amahugurwa y'ibanze.

92% by'abafatanyabikorwa bacu mpuzamahanga bishimiye kwitabira umushinga wabo w'amahugurwa y'ibanze.

92% by'abafatanyabikorwa bacu ku isi hose bagaragaje ko umuvizi ukoresha umuziki mu kuvura abantu wateguye uyu mushinga wabo, ari umunyamwuga kandi afite uburambe abafatanyabikorwa bacu bakeneye.

89% by'abafatanyabikorwa bacu mpuzamahanga bagaragaje ko inkunga ikomeza gutangwa na *Music as Therapy International* ari ngombwa.

96% by'abafatanyabikorwa bacu ku isi yose bavuze ko basabira n'abandi bantu aya mahugurwa akorwa na *Music as Therapy International*.



Rwanda




Rwanda

Music as Therapy International ikorera mu Rwanda kuva mu 2009, kandi bamwe mu bafatanyabikorwa bacu babaye abatoza baho bafite impamyabumenyi yatanzwe na *Music as Therapy International*.

Ingaruka nziza



abantu batishoboye Abafatanyabikorwa bacu bakorana na bo




Amasomo y' umuziki

Abafatanyabikorwa bacu bo mu Rwanda bagaruye impapuro z' ibibazo by' ubushakashatsi baracyakoresha umuziki.

Amasomo y' umuziki ni igice cy' ingenzi mu bikorwa by' abafatanyabikorwa bacu bo mu Rwanda hamwe uhabwa umwanya munini muri gahunda zabo za buri munsi. 67% by'abafatanyabikorwa bacu batanga amasomo ya muzika inshuro zirenze imwe mu cyumweru naho 33% bakoresha umuziki rimwe mu cyumweru.

100% by'abafatanyabikorwa bacu bo mu Rwanda beretse abo dukorana uburyo bwo gukoresha umuziki no kuganira na bagenzi bacu cyangwa abandi bantu ku bijyanye no gukoresha umuziki.

Igishushanyo cya Venn iburyo cyerekana ijanisha ry' abafatanyabikorwa bacu bo mu Rwanda bakoresha umuziki hamwe n' abantu ku giti cyabo cyangwa amatsinda.



Ingaruka nziza z'umushinga wo gutanga amahugurwa y' ibanze

Kuva umushinga w'amahugurwa y'abafatanyabikorwa bacu bo mu Rwanda watangira:

100% by'abafatanyabikorwa bacu bemeza ko ibyo bize byahinduye uburyo bigisha, imikorere yabo cyangwa uko bita ku bakiriya babo.

100% by'abafatanyabikorwa bacu babonye ko ibyo bize byahinduye imyitozo yabo cyane ku masomo y' umuziki.

100% by'abafatanyabikorwa bacu bishimiye amasomo yabo ya muzika.

100% by'abafatanyabikorwa bacu bifitiye icyizere kurushaho.

100% by'abafatanyabikorwa bacu bitangira ako kazi kabo.

"Dukorana n'urubyiruko rutandukanye turufasha kwigirira icyizere, guhangga udushya, kuba umuyobozi, kubarinda kwigunga nibindi"

(Rusizi Yego Center, 2020)


Ingaruka nziza z'umuziki w'abafatanyabikorwa bacu

Imbonerahamwe ikurikira irerekana ijanisha ry' abafatanyabikorwa bacu bo mu Rwanda bavuga ko abatishoboye muri za centrs zabo hari inyungu bakura mu buvuzi bukoresha umuziki bukorwa na bo.



Ubunararibonye bwo gukorana na *Music as Therapy International*

Imbonerahamwe ikurikira irerekana ijanisha ry' abafatanyabikorwa bacu bo mu Rwanda bemeranya n'amagambo yerekanye n'uburambe bwabo bwo gukorana na *Music as Therapy International*.



Amasomo y' ingenzi

Umuziki ukomeje kuba igikorwa cy' ingenzi Abafatanyabikorwa bacu ku isi yose batanga. Hariho izindi nyigisho nyinshi z' ingenzi zavuye mu bushakashatsi bw' abafatanyabikorwa bacu bwakozwe, zrimo gushimangira imyumvire yacu ku mikorere yabo ku buryo byafasha mu gutegura imishinga y' amahugurwa y' ibanze y' ubutaha cyangwa uburyo bwo gushygikira Abafatanyabikorwa bacu basanzwe.

Inyungu ziva mu kuvuza umuziki: Abafatanyabikorwa bacu batanga raporo ku byiza n' ubunraribonye abantu batishoboye mu za centres zabo, uburyo umuziki nk' umuti uvura iki gikorwa cyiyongera ku bindi bakora, n' ingaruka nziza kigira ku bantu bafite ibibazo bitandukanye by' ubuzima. Abensi batubwiye ukuntu ubwabo ku giti cyabo babonamo inyungu ikomeye cyane yo guhura bakungurana ibitekerezo, aho umuziki nk' umuti byabongereye ingufu mu kazi bakora, mu mibanire n' imiryango cyane cyane ku bari bafitanye ibibazo na yo. Ibi bigiye bitandukanye ku bihugu bimwe nk' uko bimeze no ku matsinda atandukanye abafatanyabikorwa bacu bakorana na yo, cyakora muri rusange hari ibyo bahuriraho.

Ingaruka nziza z' igihe kirambye: Nyuma y'amahugurwa yo gutangiza yatanzwe amahugurwa y' ibanze yatanzwe na *Music as Therapy International*, abafatanyabikorwa bacu mpuzamahanga bashoboye kwinjiza ubumenyi bushya bwa muzika mu bikorwa byabo n' abantu batishoboye ku isi. Hamwe n'inkunga ikomeje, iyi mikorere y' umuziki ukoreshwa mu kuvura indwara izashingira mu kwigisha no kwita ku barwayi bizakorwa mu bwigenge busesuye kandi igihe kirekire.

Kongera imbaraga: Bensi mu bafatanyabikorwa bacu batubwiye uburyo amahugurwa y' umuziki yabo yabateje imbere kinyamwuga. Imiyoborere yabo ikomeye, hamwe n' abafatanyabikorwa bensi mu bihugu byinshi bitandukanye basangira ubumenyi bwabo n' abandi kandi bateza imbere uruhare rwabo rwo kuvura hifashishijwe umuziki.

Kumva ibyo Abafatanyabikorwa bakeneye: Twihatira kumva abafatanyabikorwa muri buri cyiciro cyo guteza imbere umushinga, bityo dushobora guhuza uburyo bwacu ku byo dushaka kandi bikenewe mu karere. Ariko, ibitekerezo by' abafatanyabikorwa byerekana ko ibi bitajya byumvikana ku rwego rw' inzego z' ibanze. Tugomba gukora cyane kugirango dushakishe ibitekerezo by' abagira uruhare mu mishinga yacu, tumenye ko tutayoborwa gusa n' abavuga rikijyana kandi twumve neza aho imbaraga zacu ziri kugabanuka.

Kugena Inkunga yacu mu bikorwa bitandukanye: Abafatanyabikorwa bacu baduhaye ibitekerezo bisobanutse ku bijyanye n' ibikorwa byihariye bifuza ko baterwamo inkunga. Muri byo harimo:

- Gutanga inkunga mu bikorwa by' umuziki, cyane cyane ku bantu babana n' indwara yo guta umutwe n' abantu babana n' ihungabana.
- Guha amahirwe ku bafatanyabikorwa bacu mu gusangira ubunraribonye bwabo bwo gukoresha umuziki nk' umuti binyuze mu rubuga rwa *Music as Therapy International*.
- Kugena uburyo bwo kumanuka gukurikirana uko abafatanyabikorwa batanga amasomo y' umuziki nk' umuti uvura.
- Amahugurwa y' inyongera ku bafatanyabikorwa bacu kugirango bagure ubumenyi bwabo mu muziki nk' umuti uvura ku bakiriya bashya.
- Kongera ibikoresho bya muzika ku byo basanganywe cyangwa kubaha ibishya kugirango bagire ibikoresho bihagije.

Ukwiyemeza: Ureste ibibazo bya Covid, twakozwe ku mtima cyane n' umubare w' abafatanyabikorwa batanze ibisubizo birambuye ku bushakashatsi bwacu. Ubushake bwabo bwo kuvuga inkuru zabo no gukomeza imyigire yabo bigaragaza ubushake bukomeye bwo gukomeza umuziki muri za centres bakoramo. Hamwe n'inama nyinshi twahawe n' abo dukorana ku buryo twarushaho kunoza ibikorwa tubateramo inkunga no gukoresha ikoranbuhangwa umwaka ushize, hariho no gukomeza gutekereza izindi nzira zakwifashishwa mu gukomeza gufasha abafatanyabikorwa bacu muri muzika mu gihe kizaza.



Music as Therapy International
Mowll Street Business Centre
11 Mowll Street
London SW9 6BG



Tel. +44 (0) 20 7735 3231
Email: info@musicatherapy.org
Skype: masternational